

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERIY'UBURANGANIRE
N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO

KUBAKA IGIHUGU BITANGIRA UMWANA AGISAMWA

INSHAMAKE KU MBONEZAMIKURIRE
Y'ABANA BATO

Rwanda, Kamena 2019





KUBAKA IGIHUGU UHEREYE UMWANA AGISAMWA INYOBOZI KU MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO: Rwanda, Kamena 2019

NECDP & UNICEF. 2019. Inyobozi ku Mbonezamikurire y'Abana Bato mu Rwanda 2019. Kigali: UNICEF

GUSHIMIRA:

Iyi Nyobozi ku Mbonezamikurire y'Abana Bato yateguwe ku bufatanye bwa Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (NECDP) n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF) kuva tariki ya 29 kugera ku ya 31 Mutarama 2019.

Turashimira abantu bakurikira bagize uruhare mu gukora iyi nyandiko:

- Freya Zaninka De Clercq (National ECD Program)
- Immaculee Kayitare (National ECD Program)
- Diane Iradukunda (National ECD Program)
- Michael Banda (UNICEF Rwanda)
- Boniface Kakhobwe (UNICEF Rwanda)
- Pierre Nzeyimana (UNICEF Rwanda)
- Risa Kojima (UNICEF Rwanda)
- Andre Viviers (UNICEF South Africa)/ Facilitator
- Flavien Manishimwe (UMUHUZA)
- Claire Muhire Uwimana (Catholic Relief Service/Gikuriro Project)
- Sylvestre Hitimana (Gender Monitoring Office)
- Jean de Dieu Kayiranga (Imbutu Foundation)
- Alex Rutikanga (Local Development Administrative Agency)
- Theoneste Niyonzima (Ministry of Gender and Family Promotion)
- Florentine Uwamariya (National Council of Persons with Disabilities)
- Eric Willy Uwimana (RICH)
- Appolinaire Nkurunziza (Rwanda Biomedical Center/ MCCH)
- Aloys Kayinamura (Rwanda Education Board)
- Liliose Mukantagwera (Save the Children)
- Marie Diane Uwamahoro (Save the Children)
- Emmanuel MUNYAMPETA (NECDP)
- Jean Paul NYANDWI (NECDP)
- Elie MUGABOWISHEMA (Global communities)
- Sabine MUTONIWASE (Partners in Health)
- Jerome SEZIBERA (World Vision)
- Augustin SAFARI SIBO (Plan International)
- Jean Damascene HABIMANA (Umuhuza Organization)
- Jean Pierre NTEZIRYAYO (HVP Gatagara)
- Nancy UMUGWANEZA (Humanity and Inclusion)
- Aron NSHIMIYIMANA (RICH)
- Jean Pierre BISENGIMANA (National Commission of Children (NCC))
- Joy KEMIREMBE (National Women Council (NWC))
- Sylvie NYIRABUGENIMANA (National Council of People with Disability (NCPD))



ISHAKIRO

GUSHIMIRA:	2
IRIBURIRO	4
DUSOBANUKIRWE IMBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO MU RWANDA	5
IMIBARE KU BANA BATO MU RWANDA	6
IMBONEZAMIKURIRE MU RWANDA TWIFUZA	8
POLITIKI YA LETA Y'U RWANDA IREBA ABANA BATO	9
UBURENGANZIRA BW'UMWANA	10
INKINGI Z'INGENZI Z'IMBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO MU RWANDA	11
ABABYEYI BAFITE UBUZIMA BUZIRA UMUZE	12
IYANDIKISHA RY'UMWANA WAVUTSE	13
UBUZIMA BW'UMWANA	14
IMIRIRE	15
AMAZI, ISUKU N'ISUKURA	16
GUKINA	17
KWIGISHA UMWANA HAKIRI KARE	18
ABABYEYI N'UMURYANGO	19
IBIHE BIDASANZWE	21
KUDAHEZA ABANA BAFITE UBUMUGA N'IBINDI BIBAZO BYIHARIYE	22
NI NDE UGIRA URUHARE MURI GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO MU RWANDA	23
GUKORERA HAMWE MURI GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO MU RWANDA	32



IRIBURIRO

Imbonezamikurire y'Abana Bato (ECD) isobanuye politiki na gahunda zinyuranye zigenewe umubyeyi, umurezi n'umwana kuva agisamwa kugeza ku myaka itandatu. Iki gihe ni ingenzi ku mikurire y'ubwonko bw'umwana kuko kigira uruhare mu kugena imyitwarire izamuranga mu buzima bwe bwose. Ku bw'iyi mpamvu, ibyo umwana akorerwa cyangwa adakorerwa muri iyi myaka ya mbere y'ubuzima bwe, bigira ingaruka ku mikurire ye, iterambere rye n'andi mahirwe mu buzima bwe amaze gukura. Uko umwana agenda agira ubushobozi bwo kuvuga, kwiga no gutekereza mu myaka ya mbere y'ubuzima bwe, ibipimo by'imikurire ye biriyubaka kandi nyuma bikagira uruhare mu kugena iterambere rye. Kwita ku myaka ya mbere y'ubuzima bw'umwana ni ukumutegurira ejo hazaza heza ku buzima bwe, ku mikurire ye, iterambere rye, iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu muri rusange.

Hashingwiye ku kamaro k'imbonezamikurire y'abana bato, Leta y'u Rwanda yavuguruye Politike Mbonezamikurire y'Abana Bato (2016) n'izindi politiki zose zirebana n'imikurire y'umwana hagamijwe gutanga umurongo wo guhuriza hamwe ibikorwa byose bifasha umwana gukura mu gihagararo, mu bwenge, mu mibanire n'abandi mu rurimi no mu buzima mbamutima. Iyo politiki ivuguruye yahujwe na Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi igamije kwihutisha iterambere (2017-2024) ndetse n'ibipimo bivuguruye by'Ikerekezo 2020.

Mu mwaka wa 2017, Leta y'u Rwanda yashyizeho Porogaramu y'Igihugu Mbonezamikurire y'Abana Bato (NECDP) ifite inshingano nyamukuru yo kugabanya igwingira ry'abana binyuze muri gahunda mbonezamikurire. Ifite kandi inshingano zihariye zo guhuza ibikorwa byose bijyanye na serivisi mbonezamikurire y'abana bato zikomatanijwe hagamijwe gutuma umwana akura neza mu buryo bwuzuye haba mu mibereho n'imikurire ye. Umwana akeneye kwitabwaho ahabwa ku gihe serivisi zikomatanijwe zimufasha mu gukangura ubwonko no kwiga hakiri kare, uburere buboneye, iz'ubuzima, imirire, isuku n'isukura, kurindwa ihohoterwa hagamijwe imikurire ye mu bushobozi bwe bwose. Porogaramu y'Igihugu Mbonezamikurire y'Abana Bato igamije kuzamura imibare y'abana bitabira serivisi mbonezamikurire zikomatanijwe ikava kuri 20% ikarenga 45% mu mwaka wa 2024. Na none kandi igamije kugabanya igwingira ry'abana bato kuva kuri 38% kugeza muni ya 19% mu mwaka wa 2024.

Ni muri urwo rwego NECDP ku nkunga ya UNICEF yateguye iyi Nyobozi ku mbonezamikurire y'abana bato kugira ngo itange amakuru y'ingenzi n'umurongo ku nzego zifata ibyemezo, imiryango itari iya Leta, Inzego za Leta, Imiryango ishingiyeye ku madini, ababyeyi n'abafatanyabikorwa ku kamaro ko gutanga serivisi zikomatanijwe zigamije imikurire myiza y'umwana. By'umwihariko, ababyeyi n'abatanga serivisi mbonezamikurire bazasobanukirwa serivisi mbonezamikurire zikomatanijwe n'aho ziboneka kugira ngo zifashe umwana w'Umunyarwanda gukura neza. Turifuza ko iyi Nyobozi yakoresheya n'abafatanyabikorwa bese hagamijwe kubaka ubushobozi bw'Umunyarwanda no kugera ku ntego z'iterambere u Rwanda rwihaye.

[Dr Anita Asiimwe](#)

[Umuhuzabikorwa wa Porogaramu y'Igihugu Mbonezamikurire y'Abana Bato](#)



DUSOBANUKIRWE
IMBONEZAMIKURIRE
Y'ABANA BATO
mu RWANDA



IMIBARE KU BANA BATO MU RWANDA

KWITEGURA KWIGA HAKIRI KARE

- ✓ 20% by'abana bafite hagati y' amezi 36 na 59 bitabira gahunda y'uburezi bw'abana b'inshuke
- ✓ 49% by'abana bagira abantu bakuru bo mu muryango babafasha mu bikorwa bine cyangwa birenga bibategurira kwiga hakiri kare.
- ✓ 1% by'abana bari muni y'imyaka itanu nibo bonyine bafite ibitabo bitatu cyangwa birenzeho byagenewe abana cyangwa by'amashusho.
- ✓ 35% by'abana bari muni y'imyaka itanu ntibitabwaho bihagije
- ✓ 30% by'abana bari muni y'imyaka itanu bafite ibikinisho bibiri cyangwa birenzeho
- ✓ 63% by'abana bari hagati y' amezi 36 na 59 nibo bafite imikuririe iri ku kigero gikwiye.
- ✓ Mu bana bari mu kigero cyo kujya mu mashuri y'inshuke, 20% gusa nibo babasha kuyitabira.

IMBONEZAMIRIRE

- ✓ 35% by'abana bafite ikibazo cyo kugwingira
- ✓ Mu bana bari muni y'amezi atandatu, 87% nibo bonka ntacyo bavangiwe
- ✓ 18% by'abana bari hagati y'amezi 6 na 23 bagaburirwa nk'uko amahame yo kugaburira abana bato abigena
- ✓ 74% by'abana bari hagati y'amezi 6 na 23 bahabwa amafunguro akungahaye kuri Vitamine A
- ✓ 64% by'abana bafite hagati amezi 6 na 9 bahabwa ifashabere

AMAZI, ISUKU N'ISUKURA

- ✓ 87% by'ingo bakoresha amazi asukuye
- ✓ 15% by'ingo zo mu cyaro bakoresha amazi aturuka ku masoko adasukuye ugereranyije na 4% by'ingo zo mu mugwi.
- ✓ 61% by'ingo babasha kugera ku masoko y'amazi meza mu gihe kitarenze iminota 14 ;
- ✓ 86% by'ingo bafite ubwiherero naho 66% by'ingo bafite ubwiherero bwihariye
- ✓ 12% by'ingo bafite aho gukarabira intoki mu gihe 4% gusa bafite amazi n'isabune.

UBUZIMA

- ✓ 13 % by'abana bavukana ibiro bike (muni y'ibiro 2.5)
- ✓ 93% by'abana bari hagati y'amezi 12 na 23 nibo bahabwa inkingo zose zagenwe
- ✓ 72% by'abana bari hagati y'imyaka 5 na 14 bafite ubwishingizi bwo kwivuza (Mu gihe abanyarwanda bose bari ku kigero cya 74%)
- ✓ Ku bana 1000 bavuka, 50 bapfa bataragera ku myaka itanu.
- ✓ 99% by'abagore babyaye bitabwaho (mbere yo kubyara) nibura inshuro imwe n'ababishinzwe babifitiye ubumenyi
- ✓ 44% by'abagore batwite bapimisha inda kandi bagahabwa inama inshuro enye kugera kuri eshanu mbere yo kubyara
- ✓ 92% by'abagore batwite babyarira kwa muganga
- ✓ 68% by'abana bari muni y'imyaka 5 barara mu nzitiramibu ikoranye umuti.
- ✓ 0.4% by' abana bari muni y' imyaka ibiri , bafite virusi ya SIDA

GAHUNDA YO KURENGERA ABATISHOBOYE

- ✓ 56% by'abana bari muni y'imyaka 5 banditswe mu bitabo by'irangamimerere ariko 3% by'abo bana nibo bafite ibyemezo by'amavuko
- ✓ 38% by'abana babayeho mu bukene
- ✓ 16% by'abana baba mu bukene bukabiye /
- ✓ 89% by'ingo zihabwa inkunga y'ingoboka zikanakora imirimo rusange zifite abana.



Imbonezamikurire y'abana bato ni iki ?

Imbonezamikurire y'abana bato irebana n'ubumenyi, ubushobozi ndetse n'izindi ngeri z'imikurire buri mwana akwiye kuba afite mbere y'imyaka itandatu y'amavuko.

Imbonezamikurire ni bumwe mu buryo bwizewe butuma buri mwana agira intangiriro nziza y'ubuzima. Cyane cyane abana bafite ibibazo byihariye

Ubwonko bukurana umuvuduko mu myaka itatu ya mbere y'ubuzima bw'umwana, bukiyubaka bubifashijwemo n'imiterere y'ingirabuzima ndetse n'ibikorwa umwana anyuramo birimo gukangura ubwonko, gukina, gukura mu rurimi n'umutekano. w'umwana

Imbonezamikurire y'abana bato ni igihe cyiza mu mikurire y'umwana, umuntu ashoramwo ubushobozi buzagarukana n'inyungu yikubye mu gihe kirambye mu buzima bwe. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ubu bushobozi budashingiye ku gikorwa kimwe, ahubwo binyura muri serivisi zikotamatanyije kandi zinoze zigamije imikurire myiza, kurinda no kurengera umwana.


Imbonezamikurire y'abana bato ni ngombwa cyane mu guteza mbere imitekerereze, imbamutima, imibanire n'abandi no gukura mu gihagararo n'imiyego y'ingingo. Uburyo umwana yitabwaho mu myaka ye ya mbere y'ubuzima, kuva agisamwa na nyuma yo kuvuka, bigira uruhare rukomeye ku buzima bwe, uburezi imibanire n'ubukungu mu gihe kirambye cy'ubuzima bwa muntu. ni ngombwa cyane mu guteza mbere imitekerereze, imbamutima, imibanire n'abandi no gukura mu gihagararo n'imiyego y'ingingo. Uburyo umwana yitabwaho mu myaka ye ya mbere y'ubuzima, kuva agisamwa na nyuma yo kuvuka, bigira uruhare rukomeye ku buzima bwe, uburezi imibanire n'ubukungu mu gihe kirambye cy'ubuzima bwa muntu.

Imbonezamikurire y'abana bato ikubiyemo gahunda zirebana n'ubuzima, imirire, kwita ku mwana, gukura neza no gutegurira umwana kwiga. Harimo kandi gushyigikira gahunda zijyanye n'amasomo ahabwa ababyeyi, kwita ku mwana mu muryango mugari, gahunda y'ingo mbonezamikurire na gahunda yo gutegurira abana b'inshuke kwiga. Ubushobozi bushowe muri gahunda mbonezamikurire butanga inyungu z'urwego rwo hejuru, bukanafasha kurwanya imbogamizi zo kwiteza imbere ndetse n'ubusumbane cyane cyane mu imiryango iri mu bukene ndetse n'abana bavuka muri iyo miryango. from poor families.



IMBONEZAMIKURIRE MU RWANDA TWIFUZA

Gushora imari muri gahunda mbonezamikurire bifasha mu iterambere ry'igihugu, Afurika ndetse n'isi yose



GAHUNDA YA LETA Y'IMYAKA IRINDWI (2017-2024) RWANDA

- Gushora imari mu mbonezamikurire y'abana bato
- Iterambere ry'umuturage
- Iterambere ry'igihugu



AFURIKA

- Gushora imari mu mbonezamikurire
- Iterambere ry'umuturage
- Kubaka Afurika itengamaye kandi yunze ubumwe bishingiye ku ndangagaciro n'icyerekezo kimwe.



ISIYOSE

- Gushora mu mbonezamikurire y'Abana Bato
- Intego ya 4, 1, 3, 6, 10
- Kugera ku ntego zose z'iterambere rirambye
- Ejo heza kuri bose.



Politiki ya Leta y'u Rwanda ireba abana bato

Leta y' u Rwanda yashyizeho poritiki n' amategeko bireba abaturage bose baba abato ndetse n' abakuze. Hari poritiki na gahunda nyinshi bireba by' umwihariko abana bato kuva basamwe kugera ku myaka itandatu. Izi Politiki n'amategeko zigamije kurengera abana no kubarinda hitabwa cyane cyane ku buzima bwabo, imirire myiza, gutegurirwa kwiga hakiri kare, kurindwa, kwandikishwa mu bitabo by'irangamimerere, no kwitabwaho n'ababyeyi n'umuryango.

Uru ni urutonde rwa Politiki n'amategeko bireba umwana muto :

Iyi nyobora/
ingendanyi yateguwe
hifashishijwe zimwe
muri gahunda ningama
n'' amategeko ya leta
y' u Rwanda



- ☑ **Imbonezamikurire y' abana bato ikomatanyije:** Politiki ya Leta y'imbonezamikurire y'abana bato 2016; Ingamba za Porogaramu y'Igihugu Mbonezamikurire y'Abana Bato z'imyaka itanu (2018-2023); Gahunda ya Leta y'imyaka irindwi (2017-2024), Ibipimo ngenderwaho bya gahunda mbonezamikurire y'abana bato nkuko b yashyizweho muri 2018.
- ☑ **Uburenganzira bw' umwana:** Itegekonshinga rya Repubulika y'u Rwanda na Politiki zikomatanijye z'uburenganzira bw'umwana.
- ☑ **Ubuzima bw'umwana:** Politiki ya Leta yita ku buzima (2015); Politiki ya Leta yita ku buzima bw'umuryango mugari 2015, Politiki ya Leta yita ku iterambere ry'ubuzima. Gahunda ya Leta y'imyaka irindwi yita kubuzima 2018-2024
- ☑ **Imirire y' umwana:** Politiki mbonezamirire (2013-2018); Gahunda yihuse yo kurwanya igwingira, Gahunda ikomatanyije irebana n' imirire y' ababyeyi n' abana yashyizweho mu 2012. Iyi gahunda yerekana ibipimo bitandatu mpuzamamahanga u Rwanda rugomba kugeraho muri 2025, hamwe n' icyerekezo 2050 .
- ☑ **Kurengera Umwana:** Politiki yo kurengera umwana: Ubushakashatsi ku Ihohoterwa rikorerwa abana 2018; Amategeko na Politiki byo kurengera umwana mu Rwanda hamwe na politiki irebana n' ubutabera bw' abana, Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango.
- ☑ **Amazi isuku n' isukura:** Politiki y' isuku n' isukura yashyizweho mu 2016; Ingamba z'ishyirwamubikorwa rya politiki y' isuku n' isukura; Politiki ya Leta igenga imikoreshereze y'ibikoresho by'ubuvuzi no gukumira indwara zandurira kwa muganga, n'uburyo bwo gutunganya ibishingwe n'indi myanda iturutse kwa muganga (2009)
- ☑ **Uburinganire:** Politiki ya leta irwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina yashyizweho mu 2011; Politiki irebana n' imyigire y' abakobwa 2008, Gahunda y' ishyirwamubikorwa ry' uburinganire hamwe na Politiki y' uburinganire n'ubwuzuzanye 2010.
- ☑ **Kudaheza:** Amabwiriza yo kudaheza abafite ubumuga (2014) Gahunda ya leta yo kwita ku bana b' impfubyi n' abafite ibibazo byihariye ikurikiranwa na MIGEPROF, Amabwiriza ajyanye n' uburyo butandukaye bwo kwita ku bana.
- ☑ **Indangagaciro z' umuryango:** Politiki yo kuboneza urubyaro n'itegeko No 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyiriranywe, impano n'izungura, Politiki ya Leta yo kurengera abafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye yashyizweho mu 2018.
- ☑ **Gutegurirwa kwiga hakiri kare:** Politiki y' uburezi: Gahunda y' ishyirwamubikorwa rya politiki y'uburezi, Integanyanyigisho y'uburezi bw'abana b'inshuke (2016) Politiki y' ubuzima n' imirire mu mashuri, integanyanyigisho ku burere buboneye 2019 ndetse n' itegeko No 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n' umuryango
- ☑ **Ubwenegihugu:** Politiki igena ubwenegihugu n' itegeko n° 14/2008 ryo ku wa 4/6/2008 rigendanye n' ibarura ry' abaturage mu bitabo by' irangamimerere ndetse n' amakarita ndangamuntu (ingingo ya 8)



Uburenganzira bw'umwana



Umwana muto (kuva asamwe kugera ku myaka 3)

- Kurindwa ibibaza umubiri.
- Indyo iboneye no kubungabunga ubuzima.
- Gufata inkingo zose nk'uko zagenwe.
- Kugira umuntu mukuru umwitaho.
- Kugira umuntu mukuru umutega amatwi kandi umwumva .
- Kugira ibikinisho by'ivumburamatsiko yitegereza, akoraho, yihumuriza, yumva cyangwa asogongera
- Guhabwa uburyo bwo kuvumbura ibibakikije
- Gufashwa gutera imbere mu rurimi
- Gufashwa kubona ubumenyi bushya mu mitekerereze, ururimi, no mu miyego.
- Guhabwa amahirwe yo kwigenga
- Gufashwa kugira imyitwarire n'imigenzereze myiza
- Guhabwa amahirwe yo kwiga kwiyitaho ubwabo.
- Guhabwa amahirwe yo gukina bifashishije ibikinisho bitandukanye

Abana bari mu kigero cyo kwiga (Imyaka 3-6)


Aba bana bafite uburenganzira bwose twabonye hejuru wongeyeho:

- Guhabwa amahirwe yo gutezimbere imiyego mito.
- Gushyigikirwa mu kwiga ururimi biciye mu kuvuga ,gusoma ndetse no kuririmba.
- Ibikorwa bibafasha gusobanukirwa kurushaho ibyo bakora
- Gukora imyitozo yo kwitoza kwandika no gusoma .
- Gukoresha amaboko yabo bigira mu bikorwa bitandukanye .
- Guhabwa amahirwe yokugira inshingano no kwihitiramo ibibabereye.
- Gushyigikirwa mu gukangura ubushobozi bwo kwifata, gukorana n' abandi no kutarambirwa mu bikorwa bakora.
- Gushyigikirwa mu kwihesha agaciro
- Guhabwa amahirwe yo gutanga ibitekerezo
- Gushyigikirwa mu bikorwa byo guhanga udushya

The State of the World's Children 2001. Unicef

Politiki ya Leta ikomatanijye ku burenganzira bw' Umwana:

- Buri mwana afite agaciro:
- Umwana ni ingenzi, akwiye gushyirwa ku isonga
- Umwana akwiye ibyiza:
- Umwana akwiye kandi agomba kugira uruhare mu bimukorerwa:
- Kirazira, kikaziririzwa guhohotera umwana.
- Abayobozi n' abandi bafatanyabikorwa bakwiye gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' uburenganzira bw'umwana.
- Ishyirwamubikorwa rya politiki y'uburenganzira bw'umwana igomba gukurikiranwa byimbitse
- Umwana afite uburenganzira bwose nk' ubw' umuntu ukuze
- Umwana agomba kugira uburenganzira bwose nk'uko biteganywa n'amategeko
- Umwana wese afite uburenganzira bungana n'ubwa mugenzi we.





INKINGI Z'INGENZI
Z'IMBONEZAMIKURIRE
Y'ABANA BATO
mu RWANDA



ABABYEYI BAFITE UBUZIMA BUZIRA UMUZE

Umubyeyi ufite ubuzima buzira umuze mu gihe atwite na nyuma yo kubyara bigira akamaro ku buzima n'imikurire y'umwana

Umugore utwite, yabyaye na nyuma yo kubyara

1. Niba ukeka ko wasamye, gana ikigo nderabuzima bemeze ko wasamye. Mugihe babyemeje, umugore n'umugabo bagomba gukomeza gupimisha inda kwa muganga no kubahiriza inama z'abaganga kugirango bakumire icyabangamira ubuzima bw'umwana n'ubw'umubyeyi.
2. Abagore batwite bakeneye guhabwa amakuru ajyanye n'uko ubuzima bwe n'ubwumwana buhagaze n'uko akwiye kwitwara kugirango bakomeze kugira ubuzima bwiza
3. Abagore batwite bagomba gukurikirana gahunda y'inkingo zose zagenwe, kandi bagakomeza kugisha inama muganga
4. Abagore batwite bagomba kwipimisha Virusi itera sida kugira ngo bagirwe inama
5. Abagore batwite bakeneye kugira amakuru ajyanye n' ubuzima bwo gutwita n' icyo bakora kugira bakomeze kugira ubuzima bwiza
6. Ababyeyi batwite n'abonsa bagomba kurya indyo yuzuye kugira ngo bo n'abo batwite bakomeze kugira ubuzima bwiza
7. Abagore batwite bakwiye kwirinda kunywa inzoga, gukoresha ibiyobyabwenge n'itabi kuko bifite ingaruka mbi ku buzima bw'umwana uri munda.
8. Abagore batwite n'abonsa bagomba kubaza muganga mbere yo gufata imiti iyo ariyo yose harimo n'imiti gakondo. Imiti imwe n'imwe ishobora kugira ingaruka mbi ku mwana uri munda cyangwa uwonka.
9. Abagore batwite n'abonsa bakeneye kwitabwaho n'abagabo babo, abo babana mu muryango, abaturanyi, n'abo bakorana

Wari uzi ko?

Intangiriro nziza y'ubuzima bw'umwana ihera kubuzima buzira umuze bw'umubyeyi utwite



Aho wabona ubufasha na serivisi

- Ku kigo nderabuzima kikwegereye
- Ku bitaro
- Ku mujyanama w'ubuzima



IBISOBANURO BYAMAGAMBO

Mbere yo kubyara: igihe umugore atwite kuva agisama

Urukingo: guha umwana cyangwa umuntu mukuru umuti umurinda indwara runaka

Urusoro: umwana ukiri munda.

Umuti gakondo: Umuti wateguwe abantu bashingiye ku myemerere, amateka n'umuco wabo bagamije kwirinda, gusuzuma no kuvura uburwayi bwo kumubiri cyangwa mu mutwe.

Mugihe mu Rwanda ubuzima bw'ababyeyi bwitaweho hakiri kare, abana bazagira intangiriro nziza y'ubuzima

Ibindi bisobanuro

Ukeneye andi makuru kuri politiki z'igihugu na gahunda zijyanye n'ubuzima bw'umubyeyi wareba ku mbuga zikurikira



Inama nziza

Indyo yuzuye ni ingenzi ku buzima bw'umubyeyi mu gihe atwite n'igihe yonsa



IYANDIKISHA RY'UMWANA WAVUTSE

Buri mwana afiite uburenganzira bwo kwandikwa mu bitabo by'irangamimerere akivuka bityo agahabwa amahirwe yo kuba umwenegihugu

Uburenganzira bwo kugira izina n'ubwenegihugu

1. Kwandikisha umwana akivuka ni intambwe ya mbere ku burenganzira bwo kuba umwenegihugu
2. icyemezo cy'amavuko ni ingenzi kuko gihesha umwana kubona ibyo agenerwa n'igihugu.
3. Ababyeyi bafite inshingano yo kwandikisha abana bakivuka.
4. Umwana wese agomba kwandikishwa bitarenze iminsi 30 avutse.
5. Umwana ukivuka ashobora kwandikirwa ku ivuriro yavukiyeho, ambasade cyangwa ku biro by'umurenge.
6. Mu gihe cyo kwandikisha umwana, ababyeyi bagomba kugaragaza ibyemezo bitangwa na muganga cyangwa izindi nyandiko zerekana igihe umwana yavukiye.

Wari uzi ko?

Icyemezo cy'amavuko cyerekana ko umwana ari umunyarwanda



IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

Iyandikisha ry'umwana wavutse: Ni igihe amazina n'umwirondoro by'umwana wavukiye mu Rwanda m byandikwa mu bitabo by'irangamimerere bya Leta

Icyemezo cy'amavuko: Ni ifishi ihabwa umwana igihe yanditswe mu bitabo by'irangamimerere

Icyemezo cy'amavuko gifungurira abana imiryango Kandi kikabahashe uburenganzira bwabo harimo n'ubw'imbonezamikurire y'abana bato

Aho wakura ubufasha na serivisi

- Imirenge
- Amavuriro
- Ambasade



Zirikana

Kwandikisha umwana mu gihe kitarenze iminsi 30 avutse`

Ibindi bisobanuro

Ukeneye andi makuru kuri politiki z'igihugu na gahunda zijanywe n'iyandikisha ry'umwana wavutse wareba ku mbuga zikurikira.

Civil Registration and Vital Statistics Systems of Rwanda, National Strategic Plan: <https://bit.ly/31ZdrFn>



UBUZIMA BW'UMWANA

Guhananira ko abana bagira ubuzima buzira umuze ni ingenzi ku mibereho n'imikurire yabo

1. Ubuzima bw'umwana butangira umwana agisamwa. Niyo mpamvu kwita ku buzima bw'umubyeyi utwite ari ingenzi (reba ubuzima bw'ababyeyi) Wari uziko?
2. Konsa umwana nta kindi umuvangiye mumezi atandatu ya mbere ni ngenzi kandi ababyeyi bagomba gutangira konsa umwana akivuka, Amashereka atuma umwana agira ubuzima bwiza akanamwongerera ubudahangarwa
3. Gukingirirwa igihe birinda umwana uburwayi bukomeye kandi abana bagomba gufata inkingo zose ziteganijwe
4. Suzumisha umwana wawe kwa muganga kenshi mu buryo buhoraho
5. Gupimisha imikurire y'umwana bigomba gukorwa buri gihe kuko bituma umenya niba umwana akura neza bikwiriye. Bikorwa bapima ibiro, uburebure n'ikizigira by'umwana ubigereranije n'imyaka ye.
6. Abana bato bagomba guhabwa vitamini A nk'uko byagenwe n'inzezo z'ubuzima.
7. Uko umwana agenda akura, agaburirwa indyo yuzuye kandi ihagije kugira ngo bifashe imikurire ye mu gihagararo ndetse no mu bwenge.
8. Abana bato bakwiye gushishikarizwa no gufashwa gukina imikino inyuranye kuko bibafasha kugira ubuzima bwiza n'imbaraga.
9. Isuku ni ingenzi mu kwirinda indwara. Gukaraba intoki no gusukura aho dutuye birinda umwana indwara ziterwa n'umwanda. Toza abana bawe kugira isuku bakiri bato.
10. Mu gihe umwana wawe arwaye, ihutire kumugeza ku ivuriro rikwegereye Aho wabona ubufasha na serivisi

Wari uziko?

Gukingiriza igihe birinda umwana uburwayi bukomeye



Aho wabona ubufasha na serivisi

- Ku kigo nderabuzima cyangwa ivuriro
- ku bitaro
- Ku mujyanama w'ubuzima



IBISOBANURO BYAMAGAMBO

Ikingira: guha umwana umuti umufasha kwikingira uburwayi n'ubwandu butandukanye

Isuku: gusukura umubiri wawe n'aho dutuye Umuco w'isuku: kugira akamenyero gahoraho ko gukaraba intoki mbere yo kurya

Ibikikije umwana/Ahantu umwana

akurira: ahantu umwana ari haba murugo, ubusitani, inyubako,

U Rwanda ruzira umuze, rushingiye ku bana bafite ubuzima buzira umuze

Ibindi bisobanuro

Ukeneye andi makuru kuri politiki z'igihugu na gahunda zijyanye n'ubuzima bw'umwana wareba ku mbuga zikurikira :



Zirikana

Igihe umwana wawe yarwaye, ihutire kumugeza ku kigo nderabuzima cyangwa ivuriro rikwegereye



IMIRIRE

Guha abana indyo ifite intungamubiri/ndyo yuzuye no kuyibagaburira muburyo bwiza bigira akamaro ku mikurire yuzuye yabo

Imirire y'umwana muto

1. Kurya ibiryo binyuranye kandi byuzuye intungamubiri ni ingenzi ku buzima bw'umugore utwite n'ubw'umwana atwite.
2. Ababyeyi bonsa bagomba gukomeza kurya indyo yuzuye kuko bibatera kugira amashereka ahagije.
3. Ababyeyi bagomba konsa abana babo kugera ku mezi atandatu nta kindi babavangiye. Abana ntibakeneye amazi, icyayi, igikoma n'ibindi biryo kuko amashereka y'umubyeyi yuzuye intungamubiri zose umwana akenera.
4. Mu gihe umwana yujuje amezi atandatu, umubyeyi agomba gukomeza kumwonsa kugeza yujuje amezi 24 (imyaka ibiri) ariko akongeraho ifashabere irimo imbuto, imboga n'ibiryo byunganira amashereka.
5. Abagabo, abandi bagize umuryango, inshuti, abaturanyi, abo bakorana ndetse n'abakoresha bagomba gushyigikira no gufasha ababyeyi bonsa kugirango bonse uko bikwiriye.
6. Abana bato bakeneye indyo inyuranye kandi yuzuye intungamubiri kugirango bakure neza bafite imbaraga. Ningombwa kubatoza kugira gahunda iboneye yo gufata ifunguro risukuye kandi ryujuje intungamubiri.
7. Abana bakeneye kugaburirwa kenshi mu buryo buhoraho ku munsu kugirango bakure mu bwenge no mu gihagararo.
8. Kugira gahunda iboneye yo kugaburira umwana indyo yuzuye intungamubiri buri munsu, bimurinda kurwaragurika bikamwongerera ubudahangarwa bw'umubiri we.
9. Mu gihe umwana atabonye ifunguro rihagije, rikwiye ikigero cye ndetse ryuzuye intungamubiri bigira ingaruka mbi ku mikurire y'ubwonko n'igihagararo.
10. Mu gihe abana barwaye, komeza kubonsa no kubagaburira niba bujuje amezi atandatu, ubahe ibyo kunywa bihagije kandi ubajyane kwa muganga.

Wari uziko?

Indyo ihagije kandi yuzuye intungamubiri ituma ubwonko bukura neza kandi bugakora neza



Aho wabona ubufasha na serivisi

Ukeneye ubufasha cyangwa andi makuru kubijyanye n'imirire y'umugore utwite, uburyo bwo konsa ndetse n'uburyo bwo kugaburira umwana wabaza:

- Umujyanama w'ubuzima mu mudugudu.
- Umukorerabushake ushinze imirire aho mutuye.
- Umukozi ushinze imirire ku ivuriro.



IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

Ifashabere: Ifunguro ryunganira amashereka y'umwana mugihe yuje amezi atandatu.

Konsa umwana ntakindi umuvangiye: Guha umwana amashereka gusa ntakindi wongeyeho mbere y'amezi atandatu

Ubudahangarwa bw'umubiri: Ubushobozi bw'umubiri bwo kuwurinda icyawutera uburwayi bunyuranye

Konsa: Uburyo umubiri w'umuntu ukora amashereka. Niyo mpamvu iri jambo turikoresha ku bagore bonsa.

Imirire: Ni uburyo ibiryo urya bifasha umubiri n'ubwonko kugira ubuzima bwiza no gukora neza.

Igihe abana b'u Rwanda bahawe indyo yuzuye intungamubiri kuva bakiri bato, U Rwanda/ Abanyarwanda ruzagira ubuzima bwiza

Ukeneye andi makuru:

Niba ukeneye andi makuru ku bijyanye na politiki ndetse na Gahunda z'igihugu zijyanye m'imirire iboneye wareba ku mbuga zikurikira:

Rwanda National Food and Nutrition Policy. Download through this link:

http://moh.gov.rw/fileadmin/templates/policies/National_Food_and_Nutrition_Policy_.pdf Maternal, Infant and Young Child Nutrition. Download through this link: http://moh.gov.rw/fileadmin/templates/policies/National_Food_and_Nutrition_Policy_.pdf



Inama nziza

Ubaka akarima k'igikoni mu muryango wawe. Imboga ni nziza kuri buri wese kandi zifasha abana gukurana ubuzima buzira umuze.



AMAZI, ISUKU N'ISUKURA


Gukoresha amazi meza no kugira umuco w'isuku n'isukura ni ingenzi ku mibereho n'imikurire y'abana bato

Amazi, isuku n'isukura

1. Abana bato bakeneye kurererwa ahantu hasukuye kandi ibikorwa byose bikabarinda ibyabanduza cyangwa ibyabangamira ubuzima.
2. Gukoresha no kunywa amazi meza ni ingenzi ku buzima n'imibereho y'abana bote
3. Mu gihe ushidikanya ku isuku y'amazi cyangwa ukeka ko atari meza, ugomba kuyateka mbere yo kuyakoresha cyangwa kuyanywa
4. Ibikorwa by'isuku birimo gukaraba intoki n'isabuni, gukoropa no koza inzu, gusukura ubwiherero, n'ibindi ni ingenzi mu kurinda abana indwara zitandukanye haba mu rugo iwabo, mu baturanyi no mu ngo mbonezamikurire.
5. Abana bato bakeneye gutozwa kugira isuku hakiri kare
6. Ubwiherero bugomba guhorana isuku kandi ntibube bwateza impanuka. Hagomba gushyirwaho ingamba kugirango imisarani yose y'umwobo idateza impanuka kubana bato.
7. Inzego z'ibanze n'abandi bote bagira uruhare mu gutanga no gukwirakwiza amazi, bagomba gukora kuburyo ingo zose zibona amazi meza kandi zikagira aho kumena imyanda hemewe.
8. Ibikoresho byose byakoreshejwe bagaburira cyangwa bita ku mwana bigomba gukorerwa isuku mbere y'uko byongeraga gukoreshwa.
9. Aho abana baba, bakinira n'aho bigira hagomba kuba hasukuye kandi hatanga umutekano ku mwana

Wari uzi ko?

Gukaraba intoki buri gihe birinda indwara bikarengera ubuzima



Aho wabona ubufasha na serivisi

- Ku kigo nderabuzima n'ivuriro
- Ku bitaro
- Ku mujyanama w'ubuzima

Zirikana

Kwigisha umwana kugira isuku bitangira kuva umwana avutse



IBISOBANURO BYAMAGAMBO

Isuku: Gusukura umubiri wawe n'aho utuye

Kugira umuco w'isuku: Gushyira mu bikorwa ibyo wigishijwe ku buryo buhoraho. Nko gukaraba intoki buri munsu mbere na nyuma yo kurya.

Ibikikije umwana/Ahantu umwana akurira: ahantu umwana ari haba mu rugo, ubusitani, inyubako,

WASH: ijamba ry'impine risobanura amazi, isuku n'isukura

Umuco w'isuku, amazi meza, isukura, ni inshingano za buri wese kandi ni ingenzi ku mibereho n'imikurire y'Abana b'u Rwanda

Ibindi bisobanuro

Ukeneye andi makuru kuri politiki z'igihugu na gahunda zijyanye n'amazi, isuku n'isukura wareba ku mbuga zikurikira :

National Sanitation Policy: <https://bit.ly/2ooFvTX>

National Sanitation Policy Implementation Strategy: <https://bit.ly/2nthuL3>



GUKINA

Gukina bifite umumaro munini mu mikurire y'abana bato haba mu bwenge, mu gihagararo, imibanire n' imbamutima

Abana batangira kwiga no gukura kuva bakiri mu nda

1. Gukina ni byiza kandi bituma umwana agira imbamutima nziza zifasha imikurire myiza yo mu mutwe n'igihagararo, ubuzima bwiza n'imibereho myiza.
2. Gukina bifasha abana kumenya uko bitwara mu bibazo by'ubuzima
3. Gukina byongerera buri mubyeyi amahirwe yo gusabana no kubaka imibanire myiza n'umwana we
4. Gukina ni uburyo bwiza bwo kwiga no gukura mu ngeri zose. Niyo mpamvu, abana bato muri Gahunda mbonezamikurire mu Rwanda bigira mu mikino.
5. Kwiga binyuze mu mikino bitangirira mu rugo aho ababyeyi, abarezi b'umwana, abavandimwe n'abandi bagize umuryango bakina kandi bagafasha abana kwiga.
6. Gukina bituma abana bavumbura, bahanga, bashyikirana, batinyuka, basobanukirwa kandi bakemura ibibazo. Gukina ni umusingi wo gukura mu rurimi, gusoma, kubara no mu mibanire.
7. Gukina ni umusingi wo kwiga no gukura neza kubana bafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye. Imikino ni igikoresho gifasha abana bafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye kugira uruhare mu bikorwa, kudahenzwa no guhabwa uburenganzira bwabo mu bandi.
8. Intangiriro zo kumenya imibare zitangirira mu gukina imikino nkangurabwenge nk'urungabangabo, , udutafari n'ibindi bikinisho abana bakoresha bubaka.
9. Gukura mu rurimi byihuta cyane iyo ababyeyi, abarezi n'abandi bashinzwe kwita ku bana baganiriza abana mu gihe bakina; bavuga ibintu mu mazina yabyo kandi bababwira amagambo mashya atuma basobanukirwa bikazabafasha kwiga neza

Wari uziko?

Gukina bikangura imikurire y'ubwonko



Aho wabona ubufasha na serivisi

- Ingo mbonezamikurire y'abana bato
- Amashuri y'incuke
- Amatsinda y'ababyeyi



IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

Ubumuga: Ni igihe umuntu atakaje ubushobozi bwo gutekereza cyangwa urugingo kuburyo bimugora kugenda, kureba, kumva, kuvuga, kwiga cyangwa gukora ibindi bintu bimufitiye akamaro.

Kwiga mu mashuri: Uburyo abana biga mu mashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye

Kumenya gusoma: Ubushobozi bwo gusobanukirwa amagambo n'interuro, kuyandika no kuyasoma.

Kumenya kubara: Ubushobozi bwo gusobanukirwa no gukoresha imibare

Gukina ni ukwiga kandi umwana yigira mu mikino



Zirikana

Ubushobozi bwo gukura ibintu icyarimwe, gutekereza, guhanga, kwigirira icyizere, kwizerana bugenda bukura mubana bato binyuze mu mikino

Ukeneye andi makuru

Ukeneye andi makuru kuri politiki na gahunda za Leta zijyanye n'imikino y'abana wareba kuri izi mbuga zikurikira:

Minimum Standards and Norms for ECD Services in Rwanda: <https://bit.ly/2VlgxBQ> National ECD Policy: <https://bit.ly/2OgPFOy> REB Curriculum: <https://bit.ly/2VoCOHl>



KWIGISHA UMWANA HAKIRI KARE

Kwigisha abana bitangira bakiri mu nda bigakomeza gukorwa binyuze mu kumva inkuru, kureba ibimukikije n'ibikorwa binyuze mu mikino.

Abana batangira kwiga no gukura mubwenge bakiri munda

1. Kwigisha umwana bitangira akiri munda bigakomeza igihe cyose cy'ubuzima bwe.
2. Abana bato biga neza binyuze mu mikino. Gukina bifasha umwana gukura Ubwonko bw'abana buba bwiteguye kwiga bakiri munda
3. Kwigisha umwana bitangirira mu rugo/mu muryango binyuze mu gusabana n'abandi, gukangura ubwonko no kugaragarizwa urukundo n'ababyeyi.
4. Ababyeyi n'abandi bagize umuryango bagomba gukorera no guha abana ibikinsho byo kwigiraho kuva bakivuka ariko bitabateza impanuka. Kubona ho abana bigira hatekanye habafasha kwiga neza.
5. Ingo mbonezamikurire y'abana bato zishyiraho gahunda zo kwigisha abo bana hashingiwe ku bipimo byashyizweho na Leta.
6. Abana bose iyo bahawe amahirwe angana, bafite ubushobozi bwo kwiga binyuze mu mikino inyuranye kandi idateza impanuka.
7. Abakobwa n'abahungu bagomba guhabwa amahirwe angana yo kwiga no gukura mu bwenge hakiri kare.
8. Ibikorwa bifasha abana kwiga bakiri bato byaboneka ahantu hose no muri buri rugo. Dushobora kwigisha abana kubara dukoresheje ibishyimbo, ikawa, n'ibindi. Twabigisha amazina y'inyamaswa n'ibimera, imikino ibafasha kumenya amabara, amashusho ngero, ingano y'ibintu no gutekereza. Amahirwe yo kwigisha abana bato ari hose hafi yacu.

Wari uziko?

Ubwonko bw'abana buba bwiteguye kwiga bakiri munda



Aho wabona amakuru na serivisi

- Gahunda zo kwigisha abana bakiri bato zitangirwa mu ngo mbonezamikurire, mu bigo byita ku bana biga bataha, amatsinda y'abana y'imikino, amarerero, n'amashuri y'incuke.
- Abakorerabushake bita ku bana, Abajyanama b'ubuzima, abaganga bashobora gutanga amakuru yibanza ku bijyanze no gukangura ubwonko no kwigisha umwana hakiri kare



IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

Ibikikije umwana/Ahantu umwana akurira: ahantu umwana ari haba murugo, ubusitani, inyubako,

Gusabana: Kuganira n'umwana. Bishobora kuba mu magambo, kwerekana amarangamutima ukoresheje isura, ibimenyetso bikoreshejwe ibiganza.

Ibipimo ngenderwaho: NI ibipimo byemejwe byifashishwa kugirango hatangwe serivisi nziza aho ariho hose.

Gukangura ubwonko: ni igikorwa cyose cyakorwa kugira abana bato byabafasha guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi bushya

Guha abana amahirwe yo kwiga bakiri bato ni umusingi w'u Rwanda twifuza

Ibindi bisobanuro

Ukeneye andi makuru kuri politiki na gahunda zijyanze no kwiga hakiri kare wabariza ku mbuga zikurikira



Zirikana

Abana bato biga neza binyuze mu mikino



ABABYEYI N'UMURYANGO

Intangiriro y'imikurire myiza y'umwana yubakwa n'umuryango

Abana bato n'imiryango yabo

1. Imiryango ibanye neza kandi itekanye niyo ifasha abana gukura no kwiga neza.
2. Mu miryango niho abana bigira bakiri bato indangagaciro, umuco, kubungabunga ubuzima, n'ubuzima bw'umuryango.
3. Imiryango igomba kuba ari ahantu haboneye kandi harimo urukundo n' ikindi cyose cyafasha gukangura ubwonko bw' abana no kubateza imbere mu mikurire itandukanye.
4. Ababyeyi bombi bagomba kugira uruhare rungana mu kwita ku mikurire yabana babereka urukundo.
5. Ba Sekuru na Nyirakuru, Nyirarume, Nyirasenge, Sewabo n'abandi bagize umuryango mugari bafite uruhare rugaragara mu mikurire myiza y'abana.
6. Ababyeyi bagomba kwigishwa gukoresha uburyo budahutaza abana mugihe babakosora cyangwa babayobora.
7. Imiryango igomba kurinda abana ihohoterwa iryo ariryo ryose ribera mu muryango, mu baturanyi n'ahandi.
8. Ababyeyi bagomba gufata ingamba zo kuboneza urubyaro.
9. Ababyeyi n'abandi barezi b'abana nibo barimu ba mbere n'intangarugero ku bana.
10. Umuryango utekanye, ubanye neza kandi ufasha umwana ni ingenzi ku mikurire myiza y'abana.

Wari uziko?

Gukina n'umwana wawe kuva akiri muto ni bumwe mu buryo bwubaka imibanire myiza nawe



Aho wabona ubufasha na serivisi

- Imiryango itari iya Leta n'indi ishingiyeye ku madini
- Amavuriro atanga serivisi zo kuboneza urubyaro



Zirikana

Ababyeyi n'abandi bagize umuryango bafite uruhare runin mu mikurire yuzuye y'umwana



IBISOBANURO BYAMAGAMBO

Ihohoterwa: igikorwa cyose kibabaza umwana haba ku mubiri, imbamutima, igitsina n'ahandi.

Ibikikije umwana: ahantu umwana ari cyangwa akurira haba murugo, ubusitani, urugo mbonezamikurire

Ikinyabupfura: kuyobora umwana muburyo bwiza kandi bumufasha gukosora imyitwarire itaboneye.

Guha umwana ibyo akeneye: kureba umwana ukamenya icyo ashaka, ukamuha ibyo akeneye mu buryo bwihuse.

Gukangura umubiri: ibikorwa byose bikorerwa umwana kuva agisamwa kugirango bimufashe gukura no kunguka ibintu bishya binyuze mu kureba, kumvisha amatwi, gukorakora, kumvisha ururimi, kwihumuriza kenshi binyuze mu mikino.

Imiryango yita ku mikurire myiza y'abana iba yubatse umusingi mwiza w'uRwanda twifuza

Ukeneye andi makuru

Ukeneye andi makuru kuri politiki na gahunda za Leta ku bijyanye n'ababyeyi n'umuryango wareba ku mbuga zikurikira:

Family Planning Policy: <https://bit.ly/2LZ8F4Q> National Gender Policy: <https://bit.ly/2Mn6es2> National Strategic Plan for Fighting Against Gender-based Violence: <https://bit.ly/30Vb8ld> Constitution of the Republic of Rwanda; Official Gazette n° Special of 24/12/2015 <https://bit.ly/35hNDGt>



KURINDA NO KURENGERA UMWANA

Abana bato bafite uburenganzira ku mutekano no kurindwa ihohoterwa iryo ariryo ryose n'ikindi kibi cyose

Turinde abana bacu bato

1. Abana bato bakeneye gukurira ahantu hatekanye haba murugo, mu baturanyi n'ahandi hatangirwa serivisi.
2. Ababyeyi n'abandi barezi b'abana bakwiye gushyiraho uburyo buhoraho bwo kurinda abana gukomereka, impanuka zaba iz'amashanyarazi, gazi, peteroli, Imbabura, umuriro, n'ibindi.
3. Abana bato bakeneye kwigishwa mu buryo bukwiye kumenya no kwirinda ikintu cyose cyabateza ibyago.
4. Ihohoterwa iryo ariryo ryose ryakorere abana rigomba kumenyekanishwa muburyo bwihuse kuri polisi cyangwa inzego z'ibanze zibegereye.
5. Abana b'imfubyi n'abandi bafite ibibazo bagomba kurindwa no gufashwa.
6. Imiryango itishoboye ikwiye gufashwa uko yakwikura mubukene.
7. Hakenewe ubukangurambaga buhoraho mu baturage ku kurinda no kurengera umwana.
8. Abana bose bagomba kurindwa imirimo ivunanye, gushakirwaho indamu, kutitabwaho n'irindi hohoterwa.

Wari uziko?

Iyo abana bato bahorana inkeke n'ihungabana, bidindiza imikurire y'ubwonko bwabo.



IBISOBANURO BYAMAGAMBO

Ibikikije umwana: ahantu umwana ari cyangwa akurira haba murugo, ubusitani, urugo mbonezamikurire, gereza, ibigo ngororamuco

Guhohotera umwana: igikorwa cyose kibabaza umwana haba ku mubiri, imbamutima, igitsina n'ahandi.

Duhindure uRwanda igihugu kirinda kandi kikarengera abana bose

Aho wabona ubufasha na serivisi

- Inshuti z'umuryango (IZU)
- Abajyanama b'ubuzima
- Abarezi b'abana bato

Ukeneye andi makuru

Niba ukeneye andi makuru kuri politiki na gahunda za Leta zijyanye no kurinda no kurengera umwana wareba ku mbuga zikurikira:

Social Protection Strategy: <https://bit.ly/2n5BLG3>

National Integrated Child Rights Policy: <https://bit.ly/31XXxel>

Strategic Plan for the Integrated Child Rights Policy: <https://bit.ly/2M2CdyR>



Zirikana ko

Kurinda no kurengera abana b'uRwanda biratureba twese



IBIHE BIDASANZWE

Ibikorwa biteza imbere imikurire y'abana mugihagararo, mubwenge, mu mbamutima n'imibanire n'abandi ni ingenzi cyane mubihe bidasanze.

Ibikorwa mbonezamikurire bifasha abana mubihe bidasanze

1. Ibikorwa byose by'ubutabazi mu gihugu bigomba kwita ku mbonezamikurire y'abana bato.
2. Gushakisha no gusubiza abana mu miryango bigomba gukorerwa abana bose batandukanye n'ababyeyi cyangwa abandi bagize umuryango wabo.
3. Mu nkambi hagomba kuba hari ahantu hatekanye kandi hadaheza hagenewe kurererwa abana bose.
4. Imiryango yose yita kubana igomba gukorana neza kandi mu bwuzuzanye
5. Mu bihe bidasanze, abana bagomba guhabwa serivisi zikomatanijije harimo kwigisha no gukangura umwana hakiri kare, ubuzima, imirire, uburere buboneye, amazi meza isuku n'isukura, kurinda no kurengera umwana.
6. No mu bihe bidasanze, abatanga serivisi bagomba gushyiraho uburyo bunoze bwo kohereza abana bakeneye ubufasha aho buboneka.
7. Abana bari mu bihe bidasanze bagomba guhabwa amahirwe yo gukina kuko ari ingenzi mu mikurire yabo.
8. Ababyeyi n'abandi bita ku bana Nta bato bagomba kugira uruhare mu bikorwa mbonezamikurire uko bishoboka kose.
9. Ibikorwa mboneza mikurire mu nkambi z'impunzi biha amahirwe abana n'imiryango yabo kwidagadura no kugaragaza ibyo bakeneye.
10. Ibikorwa by'imbonezamikurire y'abana bato mu bihe bidasanze bigomba kujyana n'umuco w'ahantu kandi biteguye ku buryo bifasha mu gusubiza abana mu miryango yabo
11. Gahunda mbonezamikurire y'abana bato mubihe bidasanze itanga amahirwe ku bantu bakuru yo gukorera ubushake bigatuma bagira ubumenyi n'ubunararibonye ku kwita ku bana
12. Serivisi zose zikorerwa abana bato mu bihe bidasanze zigomba kuba zikomatanijije kandi zidaheza abana bafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye.

Wari uzi ko?

Nta muntu n' umwe wemerewe kubuza abana kugerwaho na serivisi mbonezamikurire mu bihe bidasanze



Aho wabona ubufasha na serivisi

- Serivisi mbonezamikurire zikomatanijije munkambi z'impunzi mu Rwanda zitangirwa mu ngo mbonezamikurire zashyizweho kubufatanye na Ministeri y'Ibiza n'ubutabazi (MINEMA), UNHCR, n'abandi bafatanyabikorwa.
- Leta y'u Rwanda ishyigikiye ibikorwa biteza imbere mbonezamikurire y'abana bato bihuza impunzi n'abaturage baturiyeye inkambi. Ingo mbonezamikurire zatangijwe n'ababyeyi babihuguriwe mu nkambi z'impunzi zigaragaza ko ibikorwa mbonezamikurire babigize ibyabo kandi bizaramba.

Zirikana

Abana bari mu bihe bidasanze bafite uburenganzira nk'ubw'abandi bana.



IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

Igihe kidasanzwe: Ni igihe gikomeye abantu badafiteho ubushobozi, kibangamiye imibereho myiza y'abantu kandi kigashyira ubuzima bwabo mu kaga. icyo gihe kidasanzwe gishobora kwizana; ingero: nk'umutingito cyangwa umwuzure; cyangwa gitewe n'abantu; urugero: intambara.

Serivisi zikomatanijije: Igihe serivisi zose zigenewe umwana zitangiwe hamwe.

Serivisi zikora ku mikurire yose y'umwana: Kureba imikurire yose y'umwana haba mu gihagararo, imbamutima, mu bwenge n' imibanire n'abandi.

Ukeneye andi makuru

Niba ukeneye andi makuru kuri politiki na gahunda za Leta ku bijyanye n'ubutabazi mu bihe bidasanze wareba ku mbuga zikurikira:



KUDAHEZA ABANA BAFITE UBUMUGA N'IBINDI BIBAZO BYIHARIYE

Abana bose bafite uburenganzira bwo kubona serivisi mbonezamikurire y'abana bato zinoze kandi zidaheza.

Abana bose bagenewe serivisi mbonezamikurire Kuva bagisamwa

1. Abana bose, harimo abafite umuga n'ibindi bibazo byihariye Wari uzi ko? bagomba gufatwa kimwe kandi bakabona urukundo n'ubufasha murugo iwabo, mubaturanyi no mungo mbonezamikurire.
2. Abana bafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye bashobora kwiga no gukura mu bwenge ariko bakenera ubufasha bwihariye.
3. Serivisi zose mbonezamikurire y'abana bato zigomba gutangwa muburyo bworohereza abana bafite ubumuga.
4. Ababyeyi bose n'abarezi b'abana bafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye bagomba guhabwa amakuru nyayo yabafasha kwita kumikurire n'imyigire y'abana babo.
5. Inyubako, aho abana bakinira n'ahandi hantu hagomba kuba hubatse ku buryo bworohereza abana bafite ubumuga
6. Gupima no gusuzuma hakiri kare niba abana bafite ubumuga cyangwa kudindira mu mikurire ni ingenzi.
7. Ababyeyi, abaturanyi, abagize umuryango mugari n'abatanga serivisi bagomba kongerwa ubushobozi bubafasha kwita no gukorana n'abana bafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye.
8. Abana bose bafite ubumuga butandukanye n'abana bavuka mu miryango y'abahejwe inyuma n'amateka, abana bavuka mu miryango itishoboye. Abana bafite ubwandu bwa virusi itera sida cyangwa bagizweho ingaruka na sida, abana bari kumwe n' ababyeyi bafunze bagomba guhabwa serivisi zikomatanije kandi zinoze.

Wari uzi ko?

Nta muntu n'umwe wemerewe guha akato abana bafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye



Aho wakura ubufasha na serivisi

- Serivisi zifasha abana bato kwiga hakiti kare ziboneka mungo mbonezamikurire, ibigo byita kubana kumanywa, amatsinda y'abana yo gukina, amarerero ndetse n'amashuri y'incuke. Ibi bigo byose bitanga uburyo bwo gusuzuma no gupima hakiri kare ubumuga n'ibindi bibazo byihariye ku mwana
- Amavuriro, ibigo nderabuzima, ibigo bigorora ingingo.



IBISOBANURO BYAMAGAMBO

Korohereza abana bose kuger ahantu- Gusuzuma -

Ubumuga:

Kudaheza: utitaye kubushobozi bwabo, ubumuga, ibyo bakeneye mubuzima abana bose bafite uburenganzira kuri serivisi mbonezamikurire zinoze kandi zidaheza

Gupima: ni uburyo bwo kumenya niba umwana afite ubumuga cyangwa kudindira mu mikurire

Abana bose, utitaye kubushobozi bwabo cyangwa amateka yabo bafite agaciro mu Rwanda

Ukeneye andi makuru

Niba ukeneye andi makuru kuri politiki na gahunda za Leta ku kudaheza abana bafite ubumuga n'abandi bafite ibibazo byihariye wareba kumbuga zikurikira :





Inama nziza

Abana bafite ubumuga bashobora kwiga kandi bakeneye gufatanywa n'abandi bana



NI NDE UGIRA
URUHARE
MURI GAHUNDA
MBONEZAMIKURIRE
Y'ABANA BATO
mu RWANDA



Abantu benshi bafite uruhare runini muri gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu buryo bumwe cyangwa se ubundi bagamije imibereho myiza y'abana b'u Rwanda. Bamwe bakora ari abakorera bushake, abakozi b'imiryango itari iya Leta, abikorera ndetse n'abakozi ba Leta; abenshi muribo bafasha imiryango aho ituye.

Mu gika gikurikiye, turaguhaza na bamwe mu bafite inshingano zo gushyira mu bikorwa politiki na gahunda zifasha abana bato mu mikurire yabo.



Muraho! Nitwa **Ganza**

Ndi **umurezi w'abana bato mu rugo mbonezamikurire**.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu Rwanda iri mu nshigano zange za buri muni. Niyo mpamvu mu byo nkora harimo :

- Gutanga amakuru no kongerera ubumenyi ababyeyi ku kwita ku bana, kwigisha umwana hakiri kare no gukurikirana imikurire y'umwana muto.
- Ubukangurambaga mu muryango, ku bayobozi b'inzego z'ibanze n'abavuga rikumvikana ku kamaro k'imbonezamikurire y'abana bato.
- Gushakisha amikoro yo gushyigikira gahunda mbonezamikurire y'abana bato.

Niba wifuza andi makuru cyangwa ubufasha ku mbonezamikurire y'abana bato, wansanga ku Rugo Mbonezamikurire.



Muraho! Nitwa **Gatesi**.

Nshinzwe **imirire iboneye**.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu Rwanda iri mu nshigano zange za buri muni.

Mubyo nkora harimo:

- Gukurikirana abagore batwite mu ngo zabo n'abana bari muni y'imyaka itanu hagamijwe kubasobanurira ibijyanye n'indyo yuzuye.
- Gukurikirana imikurire y'abana bato, ndeba niba bakura neza.
- Kumenya no gukurikirana abana bafite ibibazo by'imirire mibi bakitabwaho.

Niba wifuza ibindi bisobanuro cyangwa ubufasha ku gutegurira umwana wawe indyo yuzuye, gukora umurima w'igikoni, kuvura no kurinda imirire mibi, guhabwa inama ku bijyanye n'imirire myiza mu muryango, wansanga ku Kigo Nderabuzima kikwegereye.



Muraho! Nitwa **Mugisha**

Ndi **Umujoyanama w'Ubuzima**.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu Rwanda iri mu nshigano zange za buri muni.

Mubyo nkora harimo:

- Gukurikirana imikurire y'abana bato, hitabwa ku kureba ko bahabwa indyo yuzuye ;
- Gutanga ubufasha mu by'ubuvuzi ku babyeyi n'abana igihe barwaye.

Niba wifuza andi makuru cyangwa ubufasha kuri serivisi z'ubuzima bw'umwana n'umubyeyi, wadusanga ahatangirwa serivisi z'ubuzima mu Kagari.



Muraho! Nitwa **Mucyo**.

Ndi **umurezi w'umwuga mu rugo mbonezamikurire**.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu Rwanda iri mu nshingano zange za buri muni.

Mubyo nkora buri muni harimo :

- Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda yo kwigisha abana bishingiye ku mikino nk'uko bikubiye mu nteganyanyigisho y'Ikigo k'Igihugu gishinzwe uburezi (REB) n'Integanyanyigisho y'Uburere buboneye.
- Gusuzuma iterambere ry'umwana mu myigire n'ubushobozi bw'imitekerereze;
- Gufasha ababyeyi gusobanukirwa akamaro k'imbonezamikurire y'abana bato ku mikurire y'umwana, uruhare rw'ababyeyi n'inyungu zo kujyana umwana muto mu rugo mbonezamikurire ;

Niba wifuza ibindi bisobanuro cyangwa ubufasha ku myigire y'umwana muto ishingiyeye ku mikino, imikorere y'urugo mbonezamikurire n'uburyo bwo gufasha umwana mu myigire ye hashingiwe ku mikino wadusanga ku Rugo Mbonezamikurire, ishuri ry'incuke cyangwa ku Irerero rikwegereye.



Muraho! Nitwa **Muhire**


Ndi **umufashamyumvire w'abana bato**.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu Rwanda iri mu nshingano zange.

Mubyo nkora buri muni harimo :

- Gukangurira ababyeyi n'umuryango wose kwita ku bana babo;
- Gukangurira Abayobozi b'inzego z'ibanze kumenya amategeko arengera umwana ;
- Gutanga amakuru ajanyanye n'uburenganzira bw'umwana.

Niba wifuza andi makuru cyangwa ubufasha ku burenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumwitaho wanyegera cyangwa ukampamagara.



Muraho! Nitwa **Ntwali**

Ndi **Umujyanama muri Njyanama y'Umurenge**.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu Rwanda iri mu nshingano zange.

Mubyo nkora buri muni harimo :

- Gusobanurira ababyeyi n'umuryango wose akamaro k'urugo mbonezamikurire y'abana bato ;
- Gukora ubuvugizi no gushaka inkunga muri Leta n'Abafatanyabikorwa bayo zigenewe gufasha muri gahunda y'ingo mbonezamikurire y'abana bato ;
- Gukurikirana abatanga serivisi z'ingo mbonezamikurire harebwa ireme rya serivisi batanga.

Ukeneye andi makuru, ubufasha cyangwa kutugira inama kuri izo serivisi wadusanga ku Biro by'Umurenge



Muraho ! Nitwa [Kayiranga](#)

Ndi [Umuyobozi w'Akarere](#)

Gahunda Mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange.

Mu byo nkora buri munsu harimo:

- Gushyira gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu igenamigambi ry'Akarere;
- Guhuza ibikorwa by'Abafatanyabikorwa muri gahunda mbonezamikurire y'abana abato bakorera mu Karere nyobora;
- Gushishikariza abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'ibigo bitandukanye gushyira muri gahunda zabo mbonezamikurire y'abana abato.

Niba wifuza andi makuru cyangwa ubufasha kuri gahunda z'ingenzi z'imbonezamikurire y'abana bato mu Karere cyangwa abafatanyabikorwa, wadusanga ku Biro by'Akarere.



Muraho ! Nitwa [Ineza](#)

Ndi [Umurezi mu rugo mbonezamikurire](#).

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu Rwanda iri mu byo nkora umunsu ku wundi. Muribyo harimo :

- Kwita ku bana bato mu gihe ababyeyi babo bagiye ku kazi,
- Gufasha abana bato kwigira hifashishijwe imikino;
- Gutegura no gufasha mu nama y'umudugudu ku burere buboneye mu muryango .

Niba wifuza ubufasha cyangwa kumenya andi makuru ku bijyanye no kwita ku bana bato, gukora ibikinsho by'abana cyangwa inyigisho z'uburere buboneye, wadusanga ku rugo mbonezamikurire.



Muraho ! Nitwa [Mwiza](#)

Nkora mu [Isomero](#).

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato mu Rwanda iri mu nshingano zange. Mu byo nkora harimo:

- Gushyira ibitabo by'abana bato mu isomero;
- Gushaka umwanya w'aho abana bato basomera ibitabo
- Gutanga inama ku babyeyi zerekeranye n'uburyo bafasha abana babo gusoma ibitabo ;

Niba wifuza ubufasha cyangwa andi makuru yerekeranye n'ibitabo by'abana bijyanye n'ikigero k'imyaka yabo, wadusanga ku isomero.



Muraho ! Nitwa [Munyaneza](#)

Ndi [Umukuru w'Umudugudu](#).

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato ni inshingano yange ya buri muni.

Mu byo nkora harimo :

- Gukangurira abatuye Umudugudu kwita kuri gahunda mbonezamikurire y'abana bato ;
- Gukurikirana ko abana bavutse mu Mudugudu bose bandikwa mu bitabo by'irangamimerere ;
- Gufasha no gukurikirana gahunda z'ingo mbonezamikurire ziri mu mudugudu.

Niba wifuza andi makuru cyangwa ubufasha kuri serivisi mbonezamikurire zikomatananyije n'iyandikwa ry'abana bavuka, wadusanga ku Biro by'Umudugudu.




Muraho ! Nitwa [Mukashyaka](#)

Ndi [Inshuti y'umuryango](#) .

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange za buri muni. Mubyo nkora harimo:

- Gusura ingo n'imiryango irimo amakimbirane;
- Gusura imiryango yakiriye abana b'imfubyi n'abatishoboye ;
- Gukora ubuvugizi ku bana batawe cyangwa bahohoterwa ;

Niba wifuza andi makuru cyangwa ubufasha ku kurengera umwana no ku zindi serivisi zigenewe umwana, wadusanga mu mudugudu.



Muraho ! Nitwa [Kalisa](#)

Ndi [Umuyobozi w'Umusigiti](#).

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange za buri muni. Mu byo nkora buri muni harimo:

- Gukurikirana imikorere y'urugo mbonezamikurire rukorera ku musigiti
- Gutanga ubutumwa bujyanye na gahunda mbonezamikurire mu nyigisho zitangwa mu musigiti;
- Gufasha abayoboke bacu kumenya no gusobanukirwa uruhare rwabo muri gahunda mbonezamikurire y'abana bato.

Niba wifuza andi makuru cyangwa ubufasha ku kamaro ka gahunda mbonezamikurire y'abana bato no kuyitangiza, wadusanga ku Musigiti.



Muraho ! Nitwa **Byiringiro**

Ndi **Umuvugabutumwa ku rusengero**.

Gahunda Mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange za buri muni.

Mu byo nkora buri muni harimo:

- Gutanga inyigisho ku babyeyi zijyanye n'uburyo bwo kurera abana neza;
- Gukurikirana inyigisho z'abana ku rusengero buri cyumweru;
- Gutanga ubutumwa bujyanye na gahunda mbonezamikurire mu nyigisho za buri cyumweru.

Niba wifuza andi makuru cyangwa ubufasha ku bijyanye no kurera abana neza, inyigisho zigenewe abana buri cyumweru n'uburyo bwo gutanga serivisi mbonezamikurire y'abana bato, wadusanga ku rusengero.



Muraho ! Nitwa **Umuhoza**

Ndi **Umupolisi**.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange za buri muni. Mubyo nkora buri muni harimo:

- Gukurikirana no gukumira ihohoterwa rikorerwa abana;
- Kurinda umutekano w'abaturage

Niba wifuza andi makuru, ubufasha cyangwa gutanga amakuru ku ihohoterwa ry'abana, wadusanga ku Biro by'Umurenge.



Muraho! Nitwa **Sgt Gatabazi**


Nshinzwe umutekano.

Gahunda mbonezamikurire iri mu nshingano zange za buri muni.

Mu byo nkora harimo :

- Gukurikirana no gukumira ihohoterwa rikorerwa abana;
- Gucunga umutekano w'abana mu nzira bajya cyangwa bava ku rugo mbonezamikurire
- Gushishikariza ababyeyi kwita ku burenganzira bw'abana no kubarinda ihohoterwa.

Niba ukeneye andi makuru cyangwa ubufasha ku ihohoterwa rikorerwa abana, gutanga amakuru, uburenganzira bw'umwana, umutekano we no kumurinda ihohoterwa, wadusanga ku biro bya Polisi bikwegereye.



Muraho ! Nitwa **Kazuba**

Ndi **Umuganga**.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange za buri muni.

Mu byo nkora buri muni harimo :

- Gusuzuma no kuvura abana barwaye ;
- Kugira inama ababyeyi ku buryo bwo kurinda abana indwara zandura
- Gushishikariza umuryango kugira ubwisungane mu kwivuzura no kuboneza urubyaro.

Niba ukeneye andi makuru cyangwa ubufasha ku bijyanye no kwita ku buzima bw'umwana n'umubyeyi, wadusanga ku Kigo nderabuzima kikwegereye.



Muraho ! Nitwa **Mutesi**

Ndi **Umuforomo**.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange za buri muni.

Mu byo nkora harimo:

- Gupima imikurire y'umwana ;
- Gukingira abana
- Kuvura abana barwaye no kugira inama ababyeyi uko barinda abana indwara

Niba wifuzura andi makuru cyangwa ubufasha ku mikurire y'umwana bijyanye n'igihagararo, gahunda zo gukingiza umwana no kumuvura, wadusanga ku ivuriro rikwegereye.



Muraho ! Nitwa **Uwera**

Nshinzwe isuku n'isukura mu mudugudu.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange za buri muni.

Mu byo nkora harimo:

- Kwigisha abaturage ibijyanye n'isuku n'isukura aho batuye no mu nkengero zaho
- Kwigisha umuryango uburyo bwo gucukura ingarani no gutunganya ibishingwe

Niba wifuzura andi makuru cyangwa ubufasha ku byerekeranye no kwita ku isuku n'isukura aho utuye, wadusanga ku Biro by'Akagali.



Muraho ! Nitwa **Umwari**

INdi **Umukangurambaga ku mibereho myiza y'abaturage.**

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange za buri muni. Mubyo nkora harimo:

- Gutanga ubufasha mu by'imibanire n'imibereho ku babyeyi, abana n'abarezi
- Gutanga serivisi zijyanye no kurengera umwana mu gihe yakorewe ihohoterwa cyangwa mu gihe bigaragara ko ashobora guhohoterwa,
- Gufasha abana bafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye no kureba ko serivisi zibagenewe zibageraho.

Niba wifuza ibindi bisobanuro cyangwa ubufasha kubyerekeye kurengera no kurinda umwana ihohoterwa, serivisi z'ubufasha mu mibanire n'imibereho, serivisi z'imibereho myiza cyagwa serivisi zigenewe abana bafite ubumuga, wadusanga ku Biro by'Akarere.



Muraho ! nitwa **Teta**

Ndi **Umujoyanama ku bijyanye n'imirire myiza.**

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato iri mu nshingano zange za buri muni. Mu byo nkora buri muni:

- Gukurikirana buri kwezi imikurire y'umwana,
- Gutanga inama ku ndyo yuzuye, akamaro k'indyo yuzuye no gushishikariza umuryango kugabura indyo yuzuye
- Gufasha ababyeyi n'umuryango muri gahunda z'igikoni cy'umudugudu n'imirima y'igikoni.

Niba ukeneye andi makuru cyangwa ubujyanama mu gutegura indyo yuzuye no kubaka umurima w'igikoni, wadusanga ku Biro by'Umudugudu.




GUKORERA HAMWE
GAHUNDA
MBONEZAMIKURIRE
Y'ABANA BATO
mu RWANDA



Politiki y'Igihugu Mbenezamikurire y'Abana bato mu Rwanda igaragaza ko:

Guhuriza hamwe abafatanyabikorwa muri Gahunda Mbenezamikurire y'Abana bato bigamije kunoza imikorere n'imikoranyire ndetse no kwirinda ko Abafatanyabikorwa bagonganira mu bikorwa bimwe. Ibi bizafasha kugera ku ntego za Gahunda mbenezamikurire y'abana bato mugihe gito.



Mu kwezi k'Ukwakira 2017 Leta y'u Rwanda yashyizeho Porogaramu y'Igihugu Mbenezamikurire y'Abana Bato (NECDP) hagamijwe kugeza ku bana benshi serivisi mbenezamikurire zikomatanijye. By'umwihariko NECDP ifasha:

1. Guteza imbere ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba na Politiki Mbenezamikurire y'abana bato, hibandwa ku kugeza ku mwana wese serivisi zikomatanijye arizo : kwigisha umwana hakiri kare no gukangura ubwoko bwe, gusuzuma ubuzima bwe, gukurikirana imikurire ye, kwandikisha umwana muri serivisi z'irangamimerere, kumugaburira indyo yuzuye, kumuha uburere buboneye, isuku n'isukura n'ibindi.
2. Gushyira imbaraga mu guhuza ibikorwa bya Minisiteri zitandukanye hagamijwe kunoza serivisi mbenezamikurire y'abana bato, no kuzigeza ku bana bose zikomatanije hitabwa ku bana bafite ibibazo byihariye.
3. Kwihutisha kugabanya igwingira mu bana bari muni y'imyaka itanu (5) hakoreshejwe uburyo bukomatanijye mu nzego zitandukanye zijyanye na gahunda mbenezamikurire y'abana bato harimo imirire, isuku n'isukura uhereye ku rwego rw'Umudugudu.



KUBAKA IGIHUGU BITANGIRA UMWANA AGISAMWA

INYOBOZI KURI GAHUNDA
MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO

Rwanda, Kamena 2019